AMAHUGURWA Y'ABARIMU BIGISHA ISOMO RY'IYOBOKAMANA N'ABAYOBOZI BASHINZWE AMASOMO MU BIGO BY'AMASHURI ABARIZWA MURI PARUWASI GATOLIKA YA NYUNDO YO KU WA 20/02/2019.

Ku wa gatatu, tariki ya 20 Gashyantare 2019, muri salle ya Paruwasi Cathédrale ya Nyundo guhera saa tatu (9h00) habere amahugurwa yahuje abarezi 43 baturutse ku bigo biri muri Paruwasi ya Nyundo.

Inama yatangijwe na Padiri mukuru, Antoni Mariya Zakariya MUSABYIMANA. Padiri yatangiye yibutsa ko isomo ry'iyobokamana rifite umwanya w'ibanze mu kubaka umuntu n'ubumuntu. Yibukije ko iyobokamana ari isomo ryemewe mu burezi bw'abana b'u Rwanda rikagira n'umwanya w'umwihariko mu Burezi Gatolika. Yibukije abarezi ko amahugurwa ari amahirwe akomeye baba badakwiye gupfusha ubusa, bityo ko bagomba kwirinda igishuko cyo kwirukanka ngo bitahire.

Amahugurwa yatanzwe na HAKIZIMANA Jean d'Amour, Umukangurambaga mu Biro bya Diyosezi ya Nyundo Bishinzwe Iyobokamana na Gatigisimu.

Amahugurwa yibanze kuri zimwe mu ngingo abarimu bigisha isomo ry'iyobokamana mu mashuri yisumbuye bahuguweho ku rwego rw'igihugu kuva ku wa 26 kugera ku wa 30 Ukuboza 2018 mu Iseminari Nto ya Karubanda (Butare). Inyigisho zose zatanzwe ku nsanganyamatsiko "**KWIGISHA IYOBOKAMANA MURI IKI GIHE**":

- **Isomo ry'iyobokamana :**
  - Umwanya w'isomo ry'iyobokamana mu burezi bw'abana b'u Rwanda (ni ikiganiro cyatanzwe na Bwana Janvier NTIBIZERWA, Umukozi muri REB ushinzwe Iyobokamana n'Uburere mboneragihugu).
  - **Umwanya w'isomo ry'iyobokamana** mu mashuri Gatolika (S.E Mgr Philipe RUKAMBA, Perezida w'Inama y'Abepisikopi Gatolika y'u Rwanda, akaba na Perezida wa Komisiyo y'Abepisikopi Ishinzwe Iyobokamana na Gatigisimu mu rwego rw'igihugu).
  - Isomo ry'iyobokamana mu mashuri Gatolika yo mu Rwanda : ibikenewe n'ingamba (Padiri Janvier NDUWAYEZU, Umuyobozi wa Secrétariat National pour Enseignement Catholique).

1. UMWANYA W'ISOMO RY'IYOBOKAMANA MU BUREZI BW'ABANA B'U RWANDA

Nk'uko Bwana Janvier NTIBIZERWA, umukozi muri REB ushinzwe Iyobokamana n'Uburere mboneragihugu yabigaragaje mu mahugurwa yavuzwe hejuru, **isomo ry'iyobokamana rigomba kwigishwa abana b'abanyarwanda, rigomba kwitabwaho rigashakirwa mwarimu uryiyumvamo kandi w'umukristu urangwa n'imyitawrire myiza, akanahugurwa "kuko nta we utanga icyo adafite".**

- Iyobokamana ni **umusingi w'INDANGAGACIRO ubuzima bushingiyeho**.
- Iyobokamana **rihindura imyumvire** kandi **ntawaritandukanya n'umuntu**.
- Iyobokamana **ntawarirwanya ngo abishobore** ; abagerageje bose barananiwe (nka **Karel MARX** warigereranije n'**ikiyobyabwenge**, cyangwa(Nietzch,NICE) Umudage **wemeje ko Imana itabaho**).
- **Itotezwa ry'abakristu** iteka **ryarumbutse imbuto nyinshi**; ni byo Mutagatifu Dominiko ahamya agira ati « ***Plutôt mourir que Pécher*** *(wahitamo gupfa aho gukora icyaha)*» ;
- Kwigisha iyobokamana **ni ukurera byuzuye** nk'uko abatagatifu babihamya :
  - Mutagatifu Inyasi wa Loyola we yagize ati «*kurera ni ukurema umuntu mushya* » ; c'est **former et transformer** ;

- Mutagatifu Marcelin Champagnan *na we yag*ize ati « *Pour éduquer les enfants, il faut les aimer »,* umurezi agomba kwirinda icyagusha abana ashinzwe (Mt 18, 16).

- « ***Roho z'abana ziri mu biganza byacu abarezi b'ukwemera kandi tuzazibazwa » (Janvier NTIBIZERWA***). Uwo mukozi wa REB yongeyeho ati « ***Inyota yo gushakashaka Imana ihoraho; Mu guharanira kumenya, tubanze tumenye Imana*** ;
- Iyobokamana ni **umusemburo wo kwimakaza indangagaciro no kwamagana ikibi** ;
- Iyobokamana **ritoza indangagaciro y'urukundo**. Iyo turera turera Imana, isi n'u Rwanda ;
- Umwana tugomba kumufasha **gukura anogeye Imana n'abantu** (Lk 2, 52) : tukareka ibiturangaza.
- Iyobokamana **rifasha kwimakaza indangagaciro igihugu gikeneye** no **gutegura abayobozi** b'ejo.
- **Indangagaciro z'igihugu zifitanye isano n'iz'abemera** ;
- Kimwe n'andi masomo, **umwana agomba kugira ubushobozi bwo gukoresha ubushobozi buvuye mu byo yize** : ubumenyi umwana agizemo uruhare.
- Ku wa 29/06/2018 havuguruwe **intego z'uburezi mu Rwanda** :
  - Guteza imbere **umuco w'amahoro**… no kwirinda amakimbirane;
  - **Kubaha Imana** no **gukunda igihugu** no **kwitangira abandi** ;
  - **Umuryango** na Kiliziya no **kubaha umuntu** (human dignity) ; (Kol 3, 2)
  - Ubupfura no gusigasira ubumwe bw'abanyarwanda ;

  Mu masomo yose, **iyobokamana ni rya mbere rizatuma tugera kuri izi ntego** nshya z'uburezi.

Umuyobozi yagaragaje ko hari UBUFATANYE BWA KILIZIYA na LETA:

- **Kiliziya ifasha mu burezi**, **mu muryango**, mu buvuzi n'ahandi ;
- **REB** na **SNEC bafatanije kuvugurura integanyanyigisho y'iyobokamana**, kandi n'**umwihariko wa Kiliziya Gatolika witaweho**.
- Muri **TTC hateganijwe Agashami kihariye kazategura abarimu b'Iyobokamana** kandi muri Catholic University of Rwanda hari Ishami ritegurira abarimu kwigisha iyobokamana mu mashuri yisumbuye.
- **Amahugurwa ku barimu** b'iyobokamana azakomeza gutangwa ku bufatanye bwa Leta na Kiliziya.

2. UMWANYA W'ISOMO RY'IYOBOKAMANA MU BUREZI GATOLIKA

Ishuri Gatolika ribereyeho gukomeza **Umurimo wa Kristu wo kwigisha**. Ishuri Gatolika ribereyeho **gutanga ubumenyi**, **uburere** n'imyitwarire (**indangagaciro**) ryita ku **mubiri, ubwenge, umutima na roho** kandi **rirebeye kuri Kristu Umwigisha mukuru n'Urumuri rw'isi**; bityo **UBUMENYI** abiga bakesha isomo ry'iyobokamana bukabageza ku **UKWEMERA** n'**INDAGACIRO ZA GIKIRISTU** zirimo **kumenya Imana no kuyiyoboka** bituma uwaryize neza **abaho neza hano ku isi nta nkeke y'icyaha** kandi bikamutegurira **UBUZIMA BW'ITEKA**. Uwamenye Imana, akayemera kandi akayiyoboka by'ukuri ni we ushobora kugira byuzuye za ndangagaciro igihugu cyifuza.

Umwihariko w'isomo ry'iyobokamana kuri Kiliziya, rero ni ugutanga **ubumenyi** ariko utagamije guhama aho ahubwo ugamije gufasha abantu **kumenya Imana no kuyiyoboka;** kuko ubuzima dufite ni yo bukomokaho kandi ni yo bugomba kuberaho.

Muri makeya, kuri Kiliziya Gatolika, **kwigisha iyobokamana ni inshingano n'ubutumwa bw'ibanze yahawe na Kristu** ubwo yagiraga ati: "*Nuko rero **nimugende mwigishe amahanga yose**, mubabatize ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, **mubatoze gukurikiza ibyo mbategetse byose**, ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza igihe isi izashirira*" (Mt 28, 19-20).

Iyobokamana ni UMUTIMA w'Uburezi Gatolika; ni yo mpamvu Kiliziya irikomeyeho cyane kandi igaharanira ko ryagera ku bana bose b'abanyarwanda. Ni yo mpamvu ihora ishishikarijwe no kuribonera imfashanyigisho zijyanye n'igihe. Ni muri urwo rwego Ibigo by'Amashuri byahawe n'imfashanyigisho 2:



Igitabo cya mbere kirimo ubumenyi bwa ngombwa ku mwarimu w'isomo ry'iyobokamana mu iyobokamana n'aho icya kabiri gikubiye ibyavuye mu bushakashatsi ku iyobokamana mu bigo 1275:

- **IMANA** (Data, Mwana na Roho Mutagatifu) na **KILIZIYA** (Umuryango mushya w'Imana, Umurezi w'Ukwemera abereye intumwa, kandi imuha ubutumwa yahawe na Kristu).
- **BIBILIYA** (ikigega Umurezi w'Ukwemera avomamo ubumenyi, ukwemera n'imbaraga bimufasha).
- **AMASAKRAMENTU** (amwinjiza muri Kiliziya, akamuha ubuzima n'ubutumwa muri yo).
- **UMUKRISTU (**umunyu n'urumuri **muri sosiyete arimo** ifite **ibitekerezo biyigenga** rimwe na rimwe biyiyobora mu mwijima, akaba ari ngombwa isomo ry'iyobokamana ngo riyivane mu icuraburindi)
- **GUTEGURA NO GUTANGA ISOMO RY'IYOBOKAMANA** (Uburyo bunyuranye bwo gutegura isomo)

- Abarezi beretswe imfashanyigisho nshya cyangwa ibitabo byateguriwe abana ngo bibafashe mu iyobokamana kandi bibatoze umuco wo gusoma, basoma n'ibyubaka roho kandi bibafashe kumenya icyonge.

Abarezi bitabiriye amahugurwa bakeye, barayishimira. Mu bindi byakozwe hashyizweho abakuriye Ihuriro ry'Abigisha Iyobokamana ku bigo no ku rwego rwa Paruwasi.

HAKIZIMANAJeand'Amour,
Umukangurambaga mu Biro bya Diyosezi ya Nyundo Bishinzwe Iyobokamana na Gatigisimu.